# JOB OPPORTUNITIES

**INDATWA ZA KAMONYI COOOPERATIVE RUGALIKA SECTOR**

**KOPERATIVE INDATWA ZA KAMONYI**

Koperative INDATWA ZA KAMONYI yatangijwe kuwa 15 Werurwe 2017. Ikaba yarabonye ubuzimagatozi muri uwo mwaka. Ifite abanyamuryango basaga 1,500 Baturuka mu mirenge itatu; Mugina, Rugalika na Nyamiyaga mu karere ka Kamonyi bakaba bahinga mu gishanga cya Ruboroga. Ifite icyicaro mu murenge wa Rugalika. Iyi Koperative ikaba igerageza gushyira imbaraga mumishinga yayo ibyara inyungu byumwihariko ku bihingwa by' ingenzi nk' ibigori n' ibishyimbo.

| **UMWANYA: umushoferi** | Aho agomba kuba atuye: umurenge (Nyamiyaga, Rugalika cg Mugina) mu karere ka Kamonyi |
|---|---|

**Inshingano z' ibanze;**

-Kwita no gukurikirana imikoreshereze y'imodoka.

-Gukora raporo y' umunsi niy'ukwezi ku mikoresherezwe y' imodoka

-Gukora raporo bihoraho yerekana ibyakozwe ku modoka.

-Kwita no kubungabunga ubuzima bw' imodoka.

-Gutanga raporo mu gihe habaye impanuka, n'ubwo yaba nto.

-Kubika neza ibyangombwa byose by' imodoka no gukurikirana igihe bizarangirira.

-Gukora n' indi mirimo yose byerekeranye yagaragara ko ari ngombwa.

**Ibisabwa;**

Umukandida kuri uyu mwanya agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba afite uruhushya rwo gutwara imodoka rutarangiye Icyiciro cya B (kugira icyiciro C ni akarusho)
- Kuba afite uburambe mu kazi bw' imyaka byibura 3 atwara imodoka zitwara imizigo.
- Kuba afite ubumenyi bw' ibanze mu bijyanye no kwita ku binyabiziga ndetse n' ibikorwa
- Kuba yarize byibura icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye kuzamura.

**Gusaba akazi;**

Abakandida bujuje ibisabwa bakohereza amabaruwa asaba akazi yanditse mu Kinyarwanda, aherekejwe n' imyirondoro na kopi y'uruhushya rwo gutwara imodoka bitarenze **kuwa 20 UKUBOZA, 2023 saa saba (01H00 PM)** ku: Cyicaro Cya Koperative INDATWA ZA KAMONYI giherereye ku Rugalika ( akagali ka Nyarubuye, Umurenge wa Rugalika akarere ka kamonyi)

Bikorewe Rugalika, Kuwa 20 UGUSHYINGO, 2023

**Erneste TUYISENGE**

**Perezida wa Koperative**